

**Gutera no kwita ku binyomoro**

Umurima mushya w'ibinyomoro ushyirwa kure y'umurima ushaje bishobotse hagashyirwaho uruzitiro rw'ibiti (haie vive) rutandukanya iyo mirima yombi.

Ni ngombwa gutera ingemwe z'ibinyomoro igihe imvura itangiye kugwa kugira ngo bishobore gufata neza. Ibi bikorwa mu kwezi kwa nzeri n'ukwakira. Ibinyomoro biterwa mu mirongo bitandukanyijwe n'intera iri hagati ya m 1 na 1,5 m hagati y'igiti n'ikindi na metero 4.5-5.0 hagati y'umurongo n'undi. Iyi ntera ituma ibinyomoro bidacucikirana mu murima kandi igabanya ikwirakwiza ry'indwara kandi ituma gutera umuti byoroha.

Ku ntera ya metero 1.5 hagati y'igiti n'ikindi na metero 4.5 hagati y'imirongo haterwa nibura ingemwe 1450 kuri hegitari.

Hashyirwaho ifumbire ingana na garama 80 za NPK 17-17-17 n'ibiho 30 by'ifumbire y'imborera ku giti.

**Indwara n'ibyonnyi**

Ikibazo gikunze kugaragara cyane mu binyomoro ni indwara yitwa powderly milew iterwa na mikorobe zo mu bwoko bw'ubuhumyo zitwa *Oidium* sp bikagabanywa no gutera insecticide ivanze n'is-abune cyangwa imiti ikomoka kuri neem. Hari kandi inzoka z'ibihingwa (nematodes iterwa n'inzoka yitwa *Meloidogyne* sp), root rot (kubora kw'imizi) cyangwa crown rot iterwa na *Phytophthora* sp) no kuraba biterwa na *Pseudomonas solanacearum*.

Kwita neza ku murima uteyemo ibinyomoro bigabanya izi ndwara

**Gusarura no kubika umusaruro**

Ibinyomoro bitangira gusarurwa mu mwaka umwe bitewe, bigatangirana umusaruro muke ugera kuri toni 4 kuri hegitari. Uyu musaruro ugenda wiyongera ku buryo mu mwaka wa gatatu ushobora kugera kuri toni 16 kuri hegitari. Hanyuma umusaruro ugenda ugabanuka mu myaka ikurikiraho ku buryo muri rusange kimara imyaka ine mu murima ariko bishobora kuyirenda bitewe n'ukunku byafashwe.

**Intungamubiri dusanga mu binyomoro n'akamaro kabyo mu muryango**

Ibinyomoro bigira vitamini C ku rugero rutandukanye bitewe n'ubwoko bwacyo.

Ibinyomoro bikize ku myunyu nka Fer na Potasiyumu

Ibinyomoro bikize kandi kuri vitamini A, B6, na E. Ibinyomoro bikennye ariko ku bitangangufu.



REPUBLIKA Y'U  
RWANDA



**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE  
GUTEZA IMBERE UBUHINZI  
N'UBWOROZI (RAB)**

**ISHAMI RY'IMBUTO, IMBOGA  
N'INDABO (HORTICULTURE)**

**UBUHINZI BW'IBINYOMORO**



**AHO WABARIZA IBINDI  
BISOBANURO  
RAB  
KIGALI-RWANDA**

**INTANGIRIRO**

Ibinyomoro ni igihingwa gikomoka mu bihugu bya Peru, Chili(Shili), Equateur (Ekwateri) na Boliviya muri Amerika y'amajyepfo. Amakuru menshi avugako ibinyomoro kimwe n'izindi mbuto nyinshi byaba byaraje mu Rwanda bi-zanywe n' abanyamahanga ( abazungu, cyane cyane abamisiyoneri). Bigaterwa cyane kuri za misiyoni, abanyarwanda bagatangira kubitera hirya no hino cyane cyane hafi y'ingo.

**Amatsinda y' ibinyomoro.**

Ibinyomoro birimo amoko menshi atandukanywa cyane n'uko urubuto ruteye ndetse n'ibara ry'urubuto rweze n'ingano y'igiti. Mu gihugu cyacu haboneka amoko atatu atandukanywa n'ubunini n'ibara ry'urubuto. Hari amoko yera ibinyomoro binini n'ayera ibinyomoro bito akunze kuba umuhondo cyangwa umutuku. Ibinyomoro bigira ibara ry'imbuto ry' umutuku, bikunzwe ku masoko kubera ibara ryabyo.

**Uko ibinyomoro biteye n'aho bikunda**

Ibinyomoro ni ibiti by'umubyimba muto bigira imizi itari miremire, n'uburebure bushobora kugera kuri metero 6.

Bikunda uturere dukonja, ahantu hagwa imvura igabanyije neza mu mwaka , iri ku gipimo cya mm 1200- 3000 ku mwaka, ubutumburuke kugera kuri metero 3000 .

Ibinyomoro byera neza mu butaka burimo ifumbire, bufite ubutote buhagije kandi buhitisha amazi n'umwuka. Ntibyihanganira ahantu hareka amazi cyangwa humaganye.

**Ibyitabwaho mu buhinzi bw' ibinyomoro****Gutegura umurama**

Umurama cyangwa ingemwe z'ibinyomoro ugomba kuva ku biti bitarangwaho uburwayi. Birabujijwe gutera ingemwe zavuye ku murama uva ku biti birwaye kuko iyo uteye bene izo ngemwe zikunze gukwirakwiza uburwayi.

**Gutegura umurama uzatanga ingemwe**

Mu guhitamo aho umurama w'ibinyomoro uzaturuka ni ngombwa kwitondera ibi bikurikira : Hitamo igiti cy'ikinyomoro kitagaragaza uburwayi na buke cyakuzwe neza cyera imbuto nyinshi kandi nini.

Sarura imbuto z'ibinyomoro zeze neza zidafite ubusembwa zahishije neza Mbere yo kuzikata banza uzironge mu mazi arimo Jik (urugero 1 rwa Jik mu ngero 3 z'amazi) cyangwa amazi arimo umunyu w'igisoryo. Ibi byica indwara zaba ziri ku gishishwa cy'inyuma .

Satura imbuto z'ibinyomoro mo kabiri uvanemo imbuto zivanze n'umutobe ukoresheje ikiyiko. Hanyuma ubishyire mu icupa ripfundikirwa wongeremo amazi upfundikire, hanyuma uhugutisha imbuto (ubuhwa) zivanze n'umurenda, Imbuto zimaze guhuguta zirongwa mu mazi arimo javeli (5%).

Imbuto umaze kuronga zishyire mu gacucu mu ibase cyangwa mu gatambaro gasukuye uzishyire mu gacucu ku buryo zikamukamo amazi. Ibyo birangiye umurama uragosorwa.

Umurama ubonetse ushobora guhita uhumbikwa cyangwa ukabikwa ahantu haheherewe. Imbuto zibikwa ahantu haheherewe mu mabasha y'impapuro ariko ntuzimere amezi 3 utarazitera kuko iyo arenze ntuzimera kubera ko ubushobozi bwo kumera (pouvoir germinatif) bw'umurama bugenda bugabanuka cyane.

**Gukora ubuhumbikiro**

Umurama w'ibinyomoro ubibwa ku bujyakuzimu bwa mm10 hirindwa kuwegeranya. utwikiriza utwatsi dukeya, uravomerera igihe imvura

**Kwimurira ingemwe mu bihoho (muri Pepiniyeri)**

Iyo utugemwe tugize nibura cm 5 ni ukuvuga nyuma y'ukwezi, twimurirwa mu bihoho byateguwe muri pepiniyeri

Hakurikiraho kujya bavomerera nibura 2 ku munsi mu gitondo na nimugoroba. Ni ngombwa kwibuka kumenera ubutaka mu bihoho igihe cyose bigaragara ko ari ngombwa Ingemwe zimaze kugira cm 15-25 ni ukuvuga zifite igihe cy'amezi 2 kugeza kuri 3 nyuma yo kwinaza zishobora kwimurirwa mu murima wateguye neza.

